**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

*Ugushyingo 2024* *iknyarwanda*

# Haguruka!

**Mukobwa, ndabikubwiye: „Haguruka!“**
(Mk 5,41)

Nshuti za go4peace,

Hari ibihe ubuzima bushobora kutubera umutwaro muremure, tukumva tutakibasha kubisobanukirwa. Icyizere twari twifitiye kikagenda, tukumva dushaka gusa kwihisha no kureka byose. Ariko, ni byiza rwose iyo habonetse umuntu uza akatubwira amagambo atwubaka, akadutera imbaraga zo gutera indi ntambwe.

Ibi ni ko byagendekeye umukobwa w'umuyobozi w'isengero witwaga Yayiro
Yari afite imyaka 12 kandi yari atangiye urugendo rwe mu buzima. Gusa iki gihe yagihuriyemo n'ingorane zikomeye, bimutera kwiheba. Ni uko Se ajya kureba Yezu amusaba ubufasha. Yezu yaraje ajyana na bamwe mu ntumwa zehamwe n'ababyeyi bajya aho uwo mwana yari ari. Yezu yamufashe ikiganza abigiranye ubwitonzi maze amubwira ijambo rimutera imbaraga ati: "Mukobwa, ndabikubwiye: Haguruka!" (Mk 5,41). Ako kanya yahise ahaguruka atangira kugenda.

Mbega ukuntu ari byiza iyo habonetse umuntu udufasha mu bihe bigoye, akatugaragariza ko atwizeye. Hari igihe ijambo rimwe gusa riba rihagije ngo twongere dusubize umutima hamwe dukomeze urugendo rwacu. Mbese, hari umuntu wibutse muri iyi minsi wabwira ngo "Haguruka!"?

Mu myaka yashize, hari umukobwa wavunitse ivi mu mpanuka yo ku kazi. Yabazwe kenshi ariko ntibyagira icyo bimumarira gifatika. Hagati aho yari asigaye agendera ku mbago. Hanyuma hatangiye kwibazwa niba atakora indi operation, kandi nta cyizere cy'uko izatanga umusaruro. Yahisemo kwongera kugerageza kubagwa. Namwoherereje videwo yacu ya buri kwezi ya YouTube ifite ubutumwa bugira buti: "Gerageza Gutera intambwe!" Mu masaha y'umugoroba, nakiriye ubutumwa kuri WhatsApp buvuga buti: "Navunwe cyane no gufata iki cyemezo kuko nakomeje kwibaza niba koko ari cyo cyiza. Nuko ubwo nibwo videwo yawe yansangaga irimo ubutumwa bugira buti 'Gerageza gutera intambwe!' Yanteye umutima wo gukomeza kandi yampaye icyizere gikomeye! – "**Haguruka**!"

Ku bw'itsinda Meinolf Wacker